REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ubuyozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda (RDF HQ)
Ishami Rishinzwe Abakozi n'Ubutegetsi (J1 Department)
PO Box 85 KIGALI

ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA

1. Ubuyobozi bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rwa offisiye nyuma y'umwaka umwe w'amahugurwa ko bakwihutira kwiyandikisha mu biro by'akarere babarurirwamo guhera tariki ya **25 kugeza ku wa 31 Nyakanga 2021.**

2. Abiyandikisha ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:
   a. Kuba uri Umunyarwanda;
   b. Kuba ufite imyaka 18 kandi utarengeje 27;
   c. Kuba ufite ubuzima buzira umuze bikemezwa na muganga wemewe na Leta;
   d. Kuba utarakatiwe n'inkiko;
   e. Kuba utarigeze wirukanwa mu mirimo ya Leta kereka gusa waba warakuweho ubwo busembwa;
   f. Kutagaragara ku rutonde rw'abirukanywe mu mirimo ya Leta;
   g. Kuba uri indakemwa mu mico no mu myifatire;
   h. Kuba ufite ubushake bwo kwinjira mu Ingabo z'u Rwanda;
   i. Kuba uri ingaragu;
   j. Kuba ufite Icyemezo kigaraza ko warangije ikiciro cya mbere cya IPRC mu bumenyi bwihariye (A1-Engineering);
   k. Kuba ufite icyemezo kerekana ko warangije icyiciro cya kabili cya kaminuza (A0);
   l. Kuba utarengeje imyaka 24 y'amavuko ku bize iby'ubumenyi rusaange;
   m. Kuba utarengeje imyaka 27 y'amavuko ku bize iby'ubumenyi bwihariye (Specialists) mu ishami ry'ubuganga (Medicine) cyangwa ubuhanga (Engineers);
   n. Gutsinda ibizamini bizatangwa.

3. Abiyandikisha basabwa kwitwaza ibi bikurikira:
   a. Indangamuntu;
   b. Icyemezo cyerekana amashuri wize;
   c. Icyemezo cy' Ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'Umurenge;
   d. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

4. Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora kuva kuwa **2 kugeza kuwa 9 Kanama 2021,** saa mbiri za mu gitondo aha hakurikira:

a. **Mu mujyi wa Kigali** ni kuwa 2 Kanama 2021 mu karere ka Kicukiro kuri Sitade ya IPRC Kicukiro. Mu karere ka Gasabo ni kuwa 3 Kanama kuri Sitade ya ULK. Mu karere ka Nyarugenge ni kuwa 4 Kanama kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo.

b. **Intara y'Amajyaruguru**, akarere ka Gicumbi ni kuwa 2 Kanama 2021 kuri Sitade ya Gicumbi. Mu karere ka Burera ni kuwa 3 Kanama 2021 ku biro by'akarere. Mu karere ka Musanze ni kuwa 4 Kanama kuri Stade Ubworoherane. Mu karere ka Gakenke kuwa 5 Kanama 2021 ku kibuga cy'umupira cya Ngando. Mu karere ka Rurindo ni kuwa 6 Kanama ku kibuga cya Gasiza.

c. **Mu ntara y'Amajyepfo**, mu karere ka Nyamagabe, ni kuwa 2 Kanama 2021 kuri Sitade ya Nyamagabe. Mu karere ka Nyaruguru ni kuwa 3 Kanama 2021 ku kibuga cy'umupira Ndago. Mu karere ka Gisagara kuwa 4 Kanama ku biro by'akarere. Mu karere ka Huye ni kuwa 5 Kanama 2021 kuri Sitade ya Huye. Mu karere ka Nyanza ni kuwa 6 Kanama 2021 kuri Stade i Nyanza. Mu karere ka Ruhango ni kuwa 7 Kanama ku biro by'akarere. Mu karere ka Muhanga ni kuwa 8 Kanama kuri Sitade ya Muhanga. Mu karere ka Kamonyi ni kuwa 9 Kanama ku biro by'akarere.

d. **Mu ntara y'Iburasirazuba**, mu karere ka Kirehe ni kuwa 2 Kanama 2021 ku biro by'akarere ka Kirehe. Mu karere ka Ngoma ni kuwa 3 Kanama 2021, Ngoma ku kibuga cy'umupira. Mu karere ka Nyagatare ni kuwa 4 Kanama 2021 ku kibuga cy'umupira cya Nyagatare. Mu karere ka Gatsibo ni kuwa 5 Kanama 2021 ku biro by'akarere ka Gatsibo. Mu karere ka Kayonza ni kuwa 6 Kanama ku biro by'akarere ka Kayonza. Mu karere ka Rwamagana ni kuwa 7 Kanama 2021 ku biro by'akarere i Rwamagana. Mu karere ka Bugesera ni kuwa 8 Kanama 2021 ku kibuga cy'umupira cya Bugesera (Sitade).

e. **Mu ntara y'Uburengerazuba**, mu karere ka Rusizi ni kuwa 2 Kanama 2021 kuri sitade ya Rusizi. Mu karere ka Nyamasheke, ni kuwa 3 Kanama 2021 ku biro rya karere. Mu karere ka Karongi ni kuwa 4 Kanama 2021 ku biro bya karere ka Karongi. Mu karere ka Rutsiro ni kuwa 5 Kanama kuri sitade ya Rutsiro. Mu karere ka Rubavu ni kuwa 6 Kanama 2021 ku sitade Rubavu. Mu karere ka Nyabihu, ni kuwa 7 Kanama 2021 mu kigo cya gisirikare Mukamira. Mu karere ka Ngororero ni kuwa 8 Kanama 2021 kuri sitade ya Ngororero.

5. Iri tangazo mushobora kurisoma kandi ku rubuga rwa Minisiteri y'Ingabo www.mod.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22 Nyakanga 2021

RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF J1

Bernard R NIYOMUGABO
Lieutenant Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi n'Ubutegetsi mu Ngabo
z'Igihugu (RDF)